CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA (C.EP.R)
**Secrétariat Général**
B.P. 357 Kigali/Rwanda

**ITANGAZO RISOZA INAMA Y'ABEPISKOPI GATOLIKA BO MU RWANDA YATERANIYE I KIGALI TARIKI 08-11 WERURWE 2016**

Kuva ku itariki ya 08 kugeza ku ya 11 Werurwe 2016, ku kicaro cy'Inama y'Abepiskopi Gatolika i Kigali, hateraniye inama ibimburira izindi y'igihembwe cya mbere cy'uyu mwaka wa 2016. Iyo nama ni isanzwe muri gahunda za buri mwaka ihuza Abepiskopi Gatolika bo mu Rwanda. Nyiricyubahiro Musenyeri Filipo Rukamba, Umushumba wa Diyosezi ya Butare akaba na Perezida mushya w'iyo nama kuva mu kwezi kwa 12 umwaka ushize, yatangije isengesho, aragiza Nyagasani imirimo yose yari kuzakorwa mu minsi ine, anabwira Abepiskopi ingingo z'ingenzi zari kuri gahunda y'inama. Nk'uko buri gihembwe kigira gahunda yihariye, muri iyi nama ingingo nyamukuru yagombaga kwitabwaho, ni ukumva raporo zerekana uko mu mirimo ihuriweho na za diyosezi zose hifashe, uretse Seminari Nkuru kuko zabirangije. Perezida w'Inama y'Abepiskopi yanagejeje kuri bagenzi be ko kuri gahunda harimo no kuziga ku zindi ngingo zinyuranye zirebana n'iyogezabutumwa cyane cyane Umwaka w'Impuhwe turimo, n'uburyo wagombye gutanga isura ku bikorwa byose muri iki gihe, ndetse na Yubile y'Ubusaseridoti mu Rwanda yatangiye umwaka ushize ikazamara imyaka ibiri. Yifuje ko muri iyi nama hazabaho kugaruka cyane ku buryo ubuzima n'ubutumwa by'abasaseridoti byavugururwa.

Ku munsi wo gufungura inama, kuwa kabiri, Abepiskopi bari kumwe n'Intumwa ya Papa mu Rwanda, Nyiricyubahiro Musenyeri Luciano Russo, hamwe n'Umunyamabanga we, Padiri Prikulis Antons. Mu butumwa Intumwa ya Papa mu Rwanda, yishimiye imikoranire myiza ikomeje kuranga Kiliziya mu nzego zinyuranye, anabagezaho ubutumwa buturutse i Roma ku Kicaro Gikuru cya Kiliziya Gatolika, bushimira Abepiskopi byinshi byagezweho umwaka ushize, cyane cyane muri gahunda z'iyogezabutumwa. Kuri uyu munsi wa mbere kandi, Abepiskopi baganiriye ku makuru yaranze za Diyosezi muri iki gihembwe gishize.

Muri iyi nama habayemo abatumirwa bagiye baza ku minsi inyuranye cyane cyane abayobozi b'Imirimo ihuriweho na za diyosezi zose nk'uko twabivuze haruguru. Baje kuwa gatatu, kugira ngo bageze ku Bepiskopi raporo y'imirimo bashinzwe. Habanje ibiro by'Umunyamabanga mukuru w'Inama y'Abepiskopi n'umwungirije, hakurikiraho Urukiko Rukuru rwa Kiliziya Gatolika (TECIR), Servisi yita ku micungire y'umutungo (PSDH), Serivisi ishinzwe Ubusugire bw'Umuryango (SNAF), Ibiro bya Papa bishinzwe Iyogezabutumwa mu Rwanda (OPM), Ibiro bya Komisiyo y'Iyogezabutumwa mu Rubyiruko (CEPJ), abita ku butumwa bw'Abalayiki(CEAL), Ibiro bishinzwe ubutabera n'amahoro (CEJP), Ibiro bishinzwe Gatigisimu mu rwego rw'igihugu (BNC), Ibiro bishinzwe Iyogezabutumwa mu mashuri (SNEC), Radio Maria Rwanda, Caritas-Rwanda ndetse na Kinyamateka. Muri rusange, Abepiskopi bishimiye uko iyogezabutumwa ririmo kugenda, maze baboneraho kubwira buri rwego ibyakosorwa n'ibikwiye gushimangirwa.

Kuwa kane, Abepiskopi bari bahageneye gahunda yo gutangiza umwaka w'Urukiko rwa Kiliziya Gatolika ruhuriweho na za Diyosezi zose zo mu Rwanda (TECIR), no kurahiza bamwe mu bacamanza barwo bashyashya baherutse guhabwamo ubutumwa. Imihango yabereye muri Kiliziya y'ishuri rya Lycée Notre Dame de Cîteaux, iyobowe na Nyiricyubahiro Musenyeri Vincent Harolimana, Umwepiskopi wa Ruhengeri n'umukuru w'urwo Rukiko.

Ku wa gatanu, mu gitondo cya kare isaa kumi n'ebyiri n'igice, Abepiskopi bazindukiye mu Rugo rw'Ababikira b'Abamisiyoneri b'Urukundo (Abakalikuta), mu gitambo cy'Ukaristiya cyayobowe na Nyiricyubahiro Musenyeri Tadeyo Ntihinyurwa, mu rwego rwo gusabira bamwe mu babikira b'uwo muryango bari bamaze icyumweru batabarutse, biciwe mu gihugu cya Yemen, harimo abanyarwandakazi babiri: Mama Maria Margarita na Mama Reginette. Kuri uyu munsi kandi, inama igeze hafi saa saba ku isaha y'i Kigali hakaba hari saa sita ku isaha y'i Roma, Intumwa ya

Papa mu Rwanda, Nyirucyubahiro Musenyeri Luciano Russo, yagarutse mu nama azanye n'Umushyitsi w'imena, Padiri Anaclet Mwumvaneza, nuko i saa saba zigeze atangariza Abepiskopi na Kiliziya yo mu Rwanda ko uwo musaserdoti yari amaze gutorerwa na Nyirubutungane Papa Fransisko kuba umushumba wa Diyosezi ya Nyundo, asimbura Musenyeri Alegisi Habiyambere wasabye ubwe kandi akemererwa kujya mu kiruhuko cy'izabukuru. Abepiskopi baramwishimiye cyane.

**Izindi ngingo zizweho muri iyi nama**

- Abepiskopi baganiriye ku nyandiko ya Papa Fransisko ivuga ku muhango wo koza ibirenge wo ku wa Kane Mutagatifu, basanga ko ari byiza ko abakristu bose bashobora gutorwamo abozwa ibirenge baba abana, urubyiruko, abagore cyangwa abagabo, maze biyemeza kubikurikiza.
- Abepiskopi biyemeje ko mu rwego rwo gufasha abantu bari mu ngorane mu Burasirazuba bw'Isi nk'uko byasabwe n'Ibiro bishizwe Iyogezabutumwa muri ako gace, hazabaho gukusanya muri za diyosezi zose inkunga ibagenewe. Icyo gikorwa kizaba ku wa Gatanu Mutagatifu, iyo nkunga ikazagezwa ku bashinzwe OPM bitarenze tariki ya 15/4/2016.
- Abepiskopi kandi bamaze no kumva ikiganiro bagiranye n'abahagarariye icyahoze ari CORAR cyahindutse SAHAM Assurance, basanze ko ari ngombwa gukomeza gukorana n'iyo sosiyeti y'ubwishingizi.
- Muri iyi myaka itatu yatangiye, Abepiskopi basanze ko bafatanije n'abakristu bose, hakwiye kubaho intambwe idasanzwe izaterwa mu kugarukira Imana, bemera kwakira impuhwe zayo, bemera kwisuzuma mu mibanire yabo n'amateka yaranze igihugu cyacu, bashimangira ubuvandimwe bushingiye kuri Kristu watsinze inabi n'urupfu. Hazabaho gahunda zihariye ndetse na Komisiyo zidasanzwe zirebana n'iyi ngingo.
- Muri urwo rwego kandi, Abepiskopi basanze ko hakwiriye kujyaho Komisiyo yihariye ifasha Kiliziya Gatolika mu Rwanda kunoza ibibazo by'Iyogezabutumwa.
- Mbere y'uko inama isozwa, Abepiskopi, hamwe n'Intumwa ya Papa mu Rwanda, bongeye gufata akanya bifuriza ikaze Umwepiskopi mushya wa Diyosezi ya Nyundo, bashimira cyane n'Umwepiskopi ucyuye igihe w'iyo Diyosezi. Baboneyeho kwemeza ko ku ya 21 Gicurasi 2016, ari bwo hazabaho itangwa ry'ubwepiskopi ku Nyundo.

Inama yasojwe ku ya 11/03/2016 i saa munani, Abepiskopi bahana gahunda yo kongera guhura tariki ya 04/04/2016 mu nama yabo idasanzwe.

Bikorewe i Kigali tariki ya 11/03/2016

Padiri Hodari Jean de Dieu, Umunyambanga w'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda

+ Filipo RUKAMBA
Umwepisikopi wa Butare,
Akaba na Perezida w'Inama y'Abepisikopi Gatolika mu Rwanda

Rukamba

CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA
B.P. 357
KIGALI
RWANDA
C.E.P.R.